Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti ajye avuga ati: ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyugururira amarembo y'impuhwe zawe; nanasohoka ajye avuga ati: ALLAHUMA INI AS'ALUKA MIN FADW'LIKA: Mana ndagusaba ingabire zawe

Hadith yaturutse kwa Abi Humaydi cyangwa se Abi Usaydi yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umwe muri mwe niyinjira mu musigiti ajye avuga ati: ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyugururira amarembo y'impuhwe zawe; nanasohoka ajye avuga ati: ALLAHUMA INI AS'ALUKA MIN FADW'LIKA: Mana ndagusaba ingabire zawe."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irigisha abayoboke bayo ubusabe bakwiye kuvuga igihe binjiye mu musigiti:(ALLAHUMA FTAH LII AB'WABA RAHMATIKA: Mana nyungururira amarembo y'impuhwe zawe), aba akwiye gusaba Allah kumworohereza impamvu zatuma agera ku mpuhwe ze. N'iyo asohotse ajye avuga ati: ALLAHUMA INI AS'ALUKA MIN FADW'LIKA: Mana ndagusaba ingabire zawe."

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65092